Karyn Burns ABCs
The ABCs of S.T.E.M.
Student of the Week

# IBARUWA IGENEWE ABABYEYI

Babyeyi:

Uyu mwaka, ishuri ryacu ryishimiye kwitabira porogaramu y'Umunyeshuri w'icyumweru ya ABC ya S.T.E.M!

ABC ya S.T.E.M. ni uburyo bworoshye, bushimishije kandi bushishikaza bwo kwinjiza abana, imiryango yabo n'ababo mu bigize S.T.E.M (bivuga siyansi, ikoranabuhanga, ubuhanga mu bya tekniki n'imibare.).

Aka gakapu karimo ibikoresho bikenewe mu kwishimira ibibera muri porogaramu y'umunyeshuri w'icyumweru ya ABC ya S.T.E.M. Hakurikijwe amabwiriza ari inyuma kuri iyi karita, hamwe n'icyapa cy'Umunyeshuri w'icyumweru nk'ibibayobora, mwishimire ibikorwa bitandukanye kandi ku rugero rukunogeye wowe n'umuryango wawe muri iki cyumweru cyose. Buri munsi, saba umwana wawe kwandika ibikorwa byose ku cyapa cye.

Ibyapa by'umunyeshuri w'icyumweru byujujwe bikenewe mu ishuri mu mpera z'icyumweru. Umwana wawe azerekana mu ishuri imbere y'abandi ibihe bishimishije umuryango we wagiriye muri ABC ya S.T.E.M akoresheje icyapa cye cy'Umunyeshuri w'icyumweru cyujujwe. Ibindi bikoresho biri muri aka gakapu ni ibyawe byo kubika no kwishimira.

Tubashimiye inkunga yanyu! Ku bindi bisobanuro kuri ABC ya S.T.E.M. no kubona ibindi ababyeyi bifashisha bijyanye n'iyi porogaramu, wasikana kodi QR ukarebe videwo y'intangiriro isobanura porogaramu.

NSIKANA

**Mu mpera z'iki cyumweru, reka umwana asubire ku ishuri yitwaje icyapa cy'Umunyeshuri wicyumweru cyujujwe. Ibikoresho bisigaye ni ibyawe byo kubika!**

Copyright 2023 Karyn Burns ABC's All Rights Reserved.

Karyn Burns ABCs
The ABCs of S.T.E.M.
Student of the Week

# AMABWIRIZA

**Uzuza buri gikorwa gikurikira ukoresheje ibikoresho biri mu gakapu k'umunyeshuri ko gutwara mu rugo. Andika ibikorwa byose ku cyapa cyawe cy'Umunyeshuri w'icyumweru. Ibikorwa bishobora kuzuzwa buri munsi cyangwa inshuro zingana n'igihe ubonetse bitewe n'ingengabihe yawe.**

## Igikorwa cya mbere: Igihe cy'ifunguro muri ABC ya STEM

AMABWIRIZA: Mu gihe cy'ifunguro, shakisha inyuguti zigize izina ryawe ry'umugereka ku mukeka wa ABC ya STEM. Saba n'abandi bashake amazina yabo! Uzuza igice cya mbere cy'icyapa cyawe cy'Umunyeshuri w'icyumweru.

IBIKORESHO: Umukeka wa ABC ya STEM, icyapa cy'Umunyeshuri w'icyumweru.

## Igikorwa cya kabiri: ABC ya STEM

AMABWIRIZA: Soma igitabo cya ABC ya STEM hamwe n'umwe mu bagize umuryango cyangwa inshuti. Uzuza igice cya kabiri cy'icyapa cyawe cy'Umunyeshuri w'icyumweru.

IBIKORESHO: Igitabo cya ABC ya STEM Book, icyapa cy'Umunyeshuri w'icyumweru.

## Igikorwa cya gatatu: Umukino wa ABC ya STEM

AMABWIRIZA: Kinana amakarita ya ABC ya STEM n'umwe mu bagize umuryango wawe cyangwa inshuti. Uzuza igice cya gatatu cy'icyapa cyawe cy'Umunyeshuri w'icyumweru.

IBIKORESHO: Umukino w'amakarita ya ABC ya STEM, icyapa cy'Umunyeshuri w'icyumweru.

## Igikorwa cya kane: Igikorwa cya ABC ya STEM

AMABWIRIZA: Kora ubushakashatsi cyangwa igikorwa kivuye mu ipaki y'ubushakashatsi n'ibikorwa ya ABC ya STEM cyangwa ukore icyawe! Uzuza igice cya kane cy'icyapa cyawe cy'Umunyeshuri w'icyumweru (hari ibice bibiri).

IBIKORESHO: Ipaki y'ubushakashatsi n'ibikorwa ya ABC ya STEM, icyapa cy'Umunyeshuri w'icyumweru. ICYITONDERWA: Ibikorwa bimwe na bimwe bishobora gukenera ibindi bikoresho, rebera ku bikorwa birimo.

**Mu mpera z'iki cyumweru, reka umwana asubire ku ishuri yitwaje icyapa cy'Umunyeshuri w'icyumweru cyujujwe.**

Copyright 2023 Karyn Burns ABCs. All Rights Reserved.